RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

Our Ref : 0004/DCG/TPS/18
Your Ref :
Date :

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

EBM IVUGURUYE (EBM V.2) YATANGIYE GUTANGWA KU BUNTU

Mu rwego rwo kugabanya ikiguzi cyo gukora ubucuruzi no kuzamura ubwitabire mu misoro, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyatangiye gutanga ku buntu EBM ivuguruye (EBM V.2) ku bantu bose banditse ku musoro ku nyongeragagaciro (TVA).

Iyi EBM V.2 ikoreshwa na interineti ikaba ihabwa umuntu wese ufite mudasobwa na imprimante yo gusohora inyemezabuguzi.

EBM V.2 ikaba igabanya ikiguzi cyo gukora ubucuruzi kuko itangirwa ubuntu, bitandukanye n'iya mbere aho bagombaga kugura imashini.

Iyi EBM ivuguruye ifite akarusho kuko iha abayikoresha uburyo bwo kumenya no gukurikirana stock yabo bityo bikaba bibafasha kugenzura ubucuruzi bwabo bagereranya stock n'ibyacurujwe.

Ubu buryo kandi buzoroshya imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro kuko ubu abasora bazajya babona amakuru ako kanya y'ibyo bacuruje bitandukanye na EBM ya mbere kuko ayo makuru bayabonaga nyuma y'ukwezi.

EBM V.2 ifasha kandi abatumiza ibicuruzwa mu mahanga gukurikirana ingano (Stock) y'ibicuruzwa byabo kuva bikinjira muri Gasutamo kugeza bigeze ku wo abiranguzaho kuko iyi EBM V.2 ikorana (interface) n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu imenyekanisha ry'ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga, rizwi nka "Electronic Single Window".

Isesengura ryakozwe hashingiwe ku makuru atangwa na system y'ikoranabuhanga yifashishwa mu kumenyekanisha no kwishyura umusoro ku nyongeragaciro ryagaragaje ko mbere y'ikoreshwa rya EBM, kumenyekanisha Umusoro ku nyongeragaciro, TVA, byatwaraga **amasaha 45 ku mwaka**, ubu kubera EBM bisigaye bitwara **amasaha 5** gusa **ku mwaka**. Ibi bikaba bifasha abikorera kudatakaza umwanya munini mu gihe bakora imenyekanisha ry'umusoro ku nyongeragaciro.

Igikorwa cyo kuyiha abasora (installation) cyatangiye kuwa mbere, tariki ya 16/04/2018, ku Cyicaro gikuru cya RRA, tukaba dukangurira abasora bose bari basanzwe bakoresha utumashini twa EBM ko baza bagafata iyi EBM ivuguruye.

RRA yiyemeje gukomeza koroshya no kugabanya igiciro cyo gukora ubucuruzi kuko ibi byiyongera ku yandi mavugurura (reforms) yagiye akorwa harimo itangwa ry'icyemezo cy'inkomoko y'ibicuruzwa hifashishijwe ikoranabuhanga, uburyo bwo gukurikirana umutekano w'ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga hifashishije ikoranabuhanga, gukora amasaha 24 ku mipaka ya Gatuna na Rusumo, n'ibindi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 17/04/2018

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Komiseri Mukuru Wungirije